**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Imanza N°: MICT-13-38-I

Itariki: 1 Ukwakira 2020

Umwimerere: Icyongereza

**<u>PEREZIDA WA IRMCT</u>**

**Umucamanza:** **Carmel Agius, Perezida**

**Gerefiye:** **Abubacarr Tambadou**

**Itariki:** **1 Ukwakira 2020**

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

*INYANDIKO ITARI IBANGA*

# ITEGEKO RISHYIRAHO URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO

**<u>Ibiro bya Porokireri</u>**

Serge Brammertz

**<u>Félicien Kabuga</u>**

Byasemuwe kandi byemezwe na LSS/IRMCT

**JYEWE, CARMEL AGIUS**, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**MAZE KUBONA KO**, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") rwakoreye Félicien Kabuga ("Kabuga") Inyandiko y'ibirego ya mbere ku itariki ya 26 Ugushyingo 1997[1] maze Inyandiko y'ibirego igenderwaho ikemezwa ku itariki ya 13 Mata 2011[2];

**MAZE KUBONA KO** IRMCT ifite ububasha burimo n'ubwo kuburanisha umuntu wakorewe Inyandiko y'ibirego na TPIR ugishakishwa wafatwa nyuma y'itariki ya 1 Nyakanga 2012[3];

**MAZE KUBONA KO** Kabuga yafatiwe mu Bufaransa ku itariki ya 16 Gicurasi 2020[4];

**NSHINGIYE KU** Cyemezo cy'Urukiko rusesa imanza rwo mu Bufaransa cyo ku itariki ya 30 Nzeri 2020[5];

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 64(A) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT ("Amategeko") iteganya ko, uregwa akimara kwimurirwa ku cyicaro cy'Ishami rya IRMCT bireba, Perezida ashyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ruzamuburanisha;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(1) ya Sitati ya IRMCT n'iya 23(A) y'Amategeko;

**NSHYIZEHO** Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, rugizwe n'abacamanza bakurikira, ruzaburanisha *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° MICT-13-38-I, uregwa namara kwimurirwa ku cyicaro cy'Ishami rya IRMCT bireba:

---

[1] *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° ICTR-97-22-I, Icyemezo cyemeza Inyandiko y'ibirego, 26 Ugushyingo 1997.
[2] *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° ICTR-98-44B-PT, Inyandiko y'ibirego yahinduwe, 14 Mata 2011. Reba Icyemezo ku Cyifuzo cya Porokireri gisaba ko Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura bihindurwa, 27 Gicurasi 2020, igika cya 3.
[3] Reba Icyemezo cya 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, ibika 1-2, Umugereka wa 1, Ingingo ya 1, Umugereka wa 2, Ingingo ya 1(4).
[4] Reba Itegeko risaba Umucamanza w'izamu ku Ishami ry'Arusha gusuzuma Icyifuzo, 22 Gicurasi 2020, paje ya 1.
[5] Icyemezo N° 1802 cy'Urukiko rusesa imanza rwo mu Bufaransa, Ishami rishinzwe imanza nshinjabyaha, 30 Nzeri 2020.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Umucamanza Iain Bonomy, Perezida

Umucamanza Graciela Susana Gatti Santana

Umucamanza Elizabeth Ibanda-Nahamya

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 1 Ukwakira 2020,
I Lahe, mu Buholandi.

Carmel Agius
Perezida

[Kashe ya IRMCT]



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT